RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

*Kigali on 17 / 11 /2023*

***Ref. N°: FDISM/PVSM/4810/FDA /2023***

**Abatunganya imiti ikomoka ku bimera (Bose)**
**Abatumiza imiti ikomoka ku bimera (Bose)**
**Abaranguza imiti ikomoka ku bimera (Bose)**
**Abadandaza imiti ikomoka ku bimera (Bose)**
**Abakoresha imiti ikomoka ku bimera (Bose)**

**Re: Kwibutsa kuvana ku isoko imiti imwe ikomoka ku bimera itujuje ubuziranenge**

Hashingiwe ku itegeko No. 47/2012 of 14/01/2013 rigenga imicungire n'igenzura ry'ibiribwa n'imiti cyane cyane mu ngingo ya 38 ibuza gutanga, kugura;kugurisha no guha umuntu cyangwa inyamaswa umuti utujuje ibisabwa;Hashingiwe na none ku mabwiriza No. CBD/TRG/019 Rev_1 agenga kuvana ku isoko ndetse no kwangiza ibitujuje ubuziranenge, cyane cyane mu ngingo yayo ya 8 igena ibigomba gukurwa ku isoko;

Hashingiwe kandi ku ibaruwa nimero Ref.No: FDISM/PVSM/ 3006 /FDA /2022 yo kuwa 23/07/2022 ndetse n'ibaruwa Ref.No: FDISM/PVSM/4933/FDA/2022 yo kuwa 30$^{th}$/12/2022 yavanaga ku isoko imiti ikozwe mu bimera itujuje ubuziranenge. Ibisubizo bya laboratwari ku mpagararizi zapimwe byagaragaje ko iyo miti ikomoka ku bimera ivugwa muri izo baruwa itujuje ibipimo by'ubuziranenge bityo ikaba yaravanywe ku isoko.

Rwanda FDA yongeye kwibutsa abantu bose ko imiti iri ku mugereka w'iyi baruwa (Annex) yose yakuwe ku isoko ndetse ko abantu bagomba kwirinda kuyikoresha;

**Ibigomba gukorwa**

- Rwanda FDA irasaba abakora;abaranguza, abadandaza imiti ikomoka ku bimera iri ku mugereka guhagarika kuyigurisha;
- Rwanda FDA irasaba abantu bose bakoresha imiti ikomoka ku bimera iri ku mugereka guhagarika kuyikoresha kuko byagira ingaruka ku buzima;
- Rwanda FDA iributsa abatunganya, abaranguza, abadandaza imiti ikomoka ku bimera gusaba ibyangombwa bibemerera gukora ndetse no gucuruza imiti ikomoka ku bimera muri Rwanda FDA ndetse no kwandikisha imiti yabo nk'uko bisabwa n'amabwiriza mbere yo kuyicuruza;
- Rwanda FDA iributsa kandi ko bibujijwe kwamamaza imiti ikomoka ku bimera n'izindi service z'ubuvuzi utabiherewe uburenganzira n'inzego zibishinzwe.

**Icyitonderwa:** Hari amakuru mushaka kuduha cyangwa gusobanuza mwahamagara kuri nimero itishyurwa **9707** cyangwa **0788771663** cyangwa mukohereza ubutumwa kuri e-mail y'ikigo info@rwandafda.gov.rw cyangwa pv_sm@rwandafda.gov.rw.

Murakoze,

17/11/2023

**Dr. Emile BIENVENU**
**Umuyobozi mukuru**
**Umugereka**

RWANDA FOOD AND DRUGS AUTHORITY - RWANDA FDA



*Rwanda FDA, P.O.Box:1948 Kigali_Rwanda, Email: info@rwandafda.gov.rw, Website: www.rwandafda.gov.rw, Toll Free:9707*

**Umugereka**

1. **Lisite y'imiti yakuwe ku isoko**

| Izina ry'umuti | Aho umuti wasanzwe |
|---|---|
| Sanamake | Hope Vision Life Center |
| Ishema (Icyizere Life Center) | Hope Vision Life Center |
| Umutima w'isi (Humura) | Hope Vision Life Center |
| Ibanga ry' umuryango | Hope Vision Life Center |
| Dragon vert/ powder | Naivela Ltd. |
| Dragon vert/ syrop | Naivela Ltd. |
| Green mix | Naivela Ltd. |
| Umuti uvura umugongo/umuti uvura imitsi (Powder) | Nyirabarasanya Gakondo Health Ltd. |
| Stevia sugar | Nyirabarasanya Gakondo Health Ltd. |
| Ifu ya tangawize | Fora Urinde Company |
| Ibumba ry'icyatsi | Fora Urinde Company |
| Igisura | Fora Urinde Company |
| Umuti uvura indwara zo munda z' abana | Fora Urinde Company |
| Rusenyanzoka | Ibanga ry'Ubuzima |
| Uzakira soap (isabune ivura indwara z'uruhu) | Ibanga ry'Ubuzima |
| Umurerabana | Ibanga ry'Ubuzima |
| Muzehe wa Kazi, | Ibanga ry'Ubuzima |
| Rusenyanzoka | Ibanga ry'Ubuzima |
| Ikimera special wine | Ibanga ry'Ubuzima |
| Ifu ya tangawize | Fora Urinde Company |
| Ibumba ry' icyatsi | Fora Urinde Company |
| Igisura | Fora Urinde Company |
| Umuti uvura indwara zo munda z' abana | Fora Urinde Company |
| Thee | Fora Urinde Company |
| Dawa ya Kupanua Uume | Strong Life Medicines |
| Ngetwa 3 | Strong Life Medicines |
| Delay Spray for Men | |

2. Amafoto y'imiti yakuwe ku isoko





Umutima w'isi (Humura)

Ibumba ry'icyatsi






Ibanga ry' urugo rwiza

Ibanga ry' umuryango






Dragon vert/syrop

Thee







Isabune ivura indwara z'uruhu

Green mix



**Sanamake**

**Ifu ya Tangawize**








Uzakira/Muzehe wa Kazi

Ikimera

special wine




Umurerabana

Uruvangitirane rw'imiti




Stevia sugar

Rusenyanzoka







Dragon vert/powder

Umuti uvura indwara zo munda z' abana



Ishema (Icyizere Life Center)



Umuti uvura umugongo/umuti uvura imitsi (Powder)

1. Dawa ya Kupanua Uume




2. Ngetwa 3




3. Delay Spray for Men






Rwanda FDA, P.O.Box:1948 Kigali_Rwanda, Email: info@rwandafda.gov.rw, Website: www.rwandafda.gov.rw, Toll Free:9707